**UMURYANGO W'ABIBUMYE**

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Urubanza N°: MICT-12-20

Itariki: 8 Nzeri 2014

Umwimerere: Icyongereza

Kuri: Theodor Meron,
Perezida wa MICT

Binyujijwe kuri: John Hocking
Gerefiye

Byanditswe na: Porofeseri Zbigniew Lasocik
Umugenzuzi

PORORKIRERI

aburana na

BERNARD MUNYAGISHARI

RAPORO Y'UBUGENZUZI
KANAMA 2014

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

**Received by the Registry**
**Mechanism for International Criminal Tribunals**
**05/01/2015 07:46**

R(RM)14-0060K

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

**RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE**

1. Hashingiwe ku nyandiko nsobanuramikorere y'abagenzura iburanisha ry'imanza, cyane igice « C » cy'Umugereka wa II w'Amasezerano hagati ya MICT na *ISLP* (Ishami ryo mu Burayi), nshyikirije Perezida wa MICT iyi raporo, nyinyujije kuri Gerefiye.

2. Iyi Raporo y'ubugenzuzi yerekeranye n'ibyakozwe mu rubanza rwa Munyagishari mu nkiko zo mu Rwanda mu kwezi kwa Kanama 2014.

3. Mu gihe kirebwa n'iyi Raporo nta buranisha ryabaye.

4. Mu gihe kirebwa n'iyi Raporo, sinagiye mu Rwanda.

5. Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye i Kigali byamenyesheje ko inyandiko Munyagishari yatanze muri Nyakanga yasemuwe.

6. Nagiranye imishyikirano n'abasemuzi banyuranye bari ku rutonde rwatanzwe kugira ngo menye niba bafite umwanya kandi biteguye kuba bamfasha mu butumwa nzakora mu kwezi kwa Nzeri.

7. Nzakomeza gukurikirana imirimo y'iburanisha muri uru rubanza mu butumwa butaha nzajyamo mu Rwanda hagati muri Nzeri 2014.

Murakoze.

[Umukono]

Porofeseri Zbigniew Lasocik
Umugenzuzi mu rubanza rwa Munyagishari

Bikorewe i Varsovie, Pologne, ku wa 8 Nzeri 2014

- - - - -